


# Khalai avugana n'ibimera

Patrick Munyurangabo
Jesse Pietersen


Kinyarwanda

African Storybook.org



Uyu ni Khalai. Afite imyaka irindwi.

Izina rye risobanura 'Umwiza.'




Khalai arabyuka
akavugana n'igiti
cy'icunga.

Akakibwira ati:
"Mbabarira wa giti
cy'icunga we, ukure vuba
maze uduhe amacunga
menshi ahishije."




Khalai ajya kw'ishuri. Mu nzira avugisha ibyatsi.

"Mbabarira wa byatsi we, ukure utohagire kandi ntiwume."



Khalai abona indabo.

Akazibwira ati:
"Mumbabarire mwa ndabo mwe, mukomeze murabye mbashyire mu musatsi wange."




Khalai avugisha igiti ku ishuri.

"Mbabarira wa giti we, mera amashami manini tujye dusomera mu gicucu cyayo."




Khalai avugisha uruzitiro rw'ishuri rye.

"Mbabarira ukure ukomere uturinde abantu babi."



Iyo Khalai agarutse mu rugo, asura cya giti cy'icunga.

Akakibaza ati: "Amacunga ntiyari yera?"



Khalai akiruhutsa ati:
"Amacunga yawe aracyar imabisi."

Akavuga ati:
"Nzakubona ejo, giti cy’icunga. Wenda uzaba unfitiye icungaryeze!"

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Khalai avugana n'ibimera

**Umwanditsi** -- Ursula Nafula
**Ubuhinduzi** -- Patrick Munyurangabo
**Icyitegererezo** -- Jesse Pietersen
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Paragarafu ya mbere

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org

**2023.12.03**